

**UBUTUMWA BWA NYAKUBAHWA**

**MADAME JEANNETTE KAGAME MU GIKORWA CYO GUSURA**

**INTWAZA ZA HUYE,**

**Huye, 8 Kamena 2019**

**Bashyitis turi kumwe uyu muni,**

**Babyeyi Bacu dukunda,**

**Muraho Neza?**

Ubushize, ubwo Unity Club iheruka hano mu birori byo gusoza umwaka, mwabadutumyeho, mubaha intashyo.

Ubutumwa bwatugezeho, mwarakoze. Natwe twari tubakumbuye, ni nacyo cyatuzinduye. Twazinduwe n'urukumbuzi, urukundo n'umutima w'ineza.

Uyu muni tunejewe no kubana namwe, kugira ngo twifatanye muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nk'uko mubizi, hashize imyaka itari mike, Umuryango Unity Club twiyemeje ubufatanye n'umuryango AVEGA, mu bikorwa byo kwibuka no kwita ku babyeyi b'Intwaza, n'ubwo tuzi ko tutabasha kuziba icyuho cy'abana n'imiryango mwabuze.

Nyuma y'ibikomere byinshi mwahuye nabyo, byaba ibyo ku mubiri cyangwa n'ibyo tutabona, mwiremyemo icyizere cyo kongera kubaho kandi mwabigezeho. Duhora tubashimira ko mwakomeje ubuzima, mukabaho, tukongera kugira umuryango n'igihugu.

Bahyitsi turi kumwe uyu munsi, mumfashe dushimire aba babyeyi b'Intwaza bari hano n'ahandi hose mu gihugu.

Twishimiye kongera kugaruka ku isoko,

Twishimiye kongera kumva urukundo rwanyu tubari hafi,

Twishimiye kongera kubana namwe ngo tubasusurutse.

Iyo tubasuye, twiga byinshi bitwubaka,

Twiga kugaba ineza, urukundo n'ubumuntu, kuko muri ishusho y'urukundo.

Muri mwe twiyibutsa igisobanuro cy'umubyeyi,

Maze tukaba aho abanyu batari,

Tukabaganiriza nk'uko abanyu bari bubigenze, dore ko abenshi bari kuba bamaze kuba bakuru.

Babyeyi Bacu, turabasabira iteka ryose,  
U Rwanda duhekeye, rukomeze kugira Intwari,  
Zimwe zibasha kwirenga, zikitangira u Rwanda,  
Ngo tutazongera kugira ibyago bihogoza Ababyeyi beza nkamwe.

Turashimira cyane ababitaho umunsi ku wundi. Uruhare rwanyu  
mu gufasha ababyeyi gukira ibikomere no kongera kwiubaka ni  
inkunga ikomeye mu kubaka u Rwanda Twifuza!

Ndashimira abafatanyabikorwa bacu badufashije kandi  
bagikomeje kudufasha, kugira ngo ababyeyi bacu basubizwe  
icyubahiro n'agaciro, ubuzima bwabo burusheho kuba bwiza,  
tubatuza heza.

Mboneyeho kwibutsa Abanyarwanda twese ko ubuzima bw'aba  
Babyeyi bacu butureba. Ndasaba buri wese kubabera ijisho,  
urumuri n'akabando kabasindagiza.

Abagize Unity Club natwe tuzakomeza kubaba hafi ngo tugere ku  
ntego twiyemeje yo kubabera umuryango. Ntituzahwema gukora

ubuvugizi kugira ngo ababyeyi bacu bakomeze babone ibyangombwa bakenera mu buzima bwa buri muni.

Dutewe Ishema no kwitwa abana banyu.

Mukomeze kutubera urugero rwiza rw' **INTWAZA**.

Murakoze, Mugire Umunsi Mwiza.